-.R.U.-
RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

ASTRIDA 25 Janvier 1956.-

ASTRIDA
2543

375 /Just.

:Deux.

A Monsieur le Greffier
du Tribunal de Iº Instance
à USUMBURA.-

Exécution jugement.

Monsieur le Greffier,

J'ai l'honneur de vous faire parvenir en annexe l'avis d'encaissement pour votre compte d'une somme de 235 francs versée pour le nommé Kajangwe en exécution du jugement R.P. 1309.

L'Officier de Police Judiciaire,
A. GILLET.,

Annexes : 2/

M. le Greffier du
Trib. de 1ère Instance
à Usa,

J'ai l'h. de v. faire
parvenir en annexe l'avis
d'encaissement ~~de~~ pour votre compte
d'une somme de 235 frs
versée ~~par~~ pour le nommé Kajangwe
en exécution du jugement R.P. 1309

l'OPJ.

[signature]

Buli muntu usora ategetswe gutanga umusoro mu minsi 8 ikurikira itariki batangarije ho Imisoro mul'icyo Gihugu.
Iyo umuntu usora aje gutura mu Gihugu,hashize iminsi 15 ageze aho ategetswe gutanga umusoro iyo yaje agasanga mur'icyo Gihugu baratangiye gusora.
Uwakira amafranga ategetswe kumenyesha buli gihe uwakira amafranga mukuru (Bwana Administrateur wa Territoire) uko yakoze,akamumenyesha amazina n'aho batuye y'abantu batasoze,akamubwira impamvu yatumye badasora.
Buli mutwale n'igisonga bafite uruhusa rwo kubaza abo bategeka,cyemezo cy'uko basoze.
Umuntu usora iyo amaze kwerekana ko yasoze uwo mwaka ntategetswe kandi gutanga undi mugabo wo kwemeza ko yasoze mu mwaka ushize.
Umuntu usora iyo afatiwe umusoro ashobora guhanwa mu munyururu batiriwe bafata ibye.
Icyo gihano cyo gufungwa kigomba gutangwa na Bwana Administrateur wa Territoire cyangwa umufasha we cyanga undi muzungu ubifitiye uruhusa.
Umutwale wese cyanga igisonga ashobora kujyana umuntu wese wanze gusora imbere y'umwe mu bategeka bavuzwe haruguru aha.
Umuntu usoresha yimye usora imbarata azabona igihano kuva ku minsi munani y'umunyororo kugeza ku mwaka n'amafranga kuva kw'ijana kugeza ku bihumbi bibili cyangwa igihano kimwe muli ibyo.
UMUSORO W'INKA. ugomba gutangwa n'uyiragiye.Umusoro w'inka ugomba gutangwa ku nka zitunzwe mu mezi 9 yambere y'umwaka.
Buli mutware n'igisonga ategetswe gusoresha inka.
Umuntu wese utegekwa gusora agomba kuwutanga mu minsi 8 bamusoreshejemo Abatwale n'ibisonga bagomba kumenyesha Uwakira imisoro abantu banze gusora amazina n'aho batuye kandi bakamumenyesha impamvu zimubuza gusora.
Ikimenyetso ko yasoze kigomba gutangwa na buli muntu ugomba gusora akacyereka umuntu washyizweho kubireba cyangwa abategeka b'igihugu, kubyerekeye abaturage.
Usoresha wese afite uruhushya rwo kujya mu ngo no kujya aho inka zaba hose kugirango amenye izasora n'izitarasora.
Uzima uwasoze imbarata azahabwa igihano cy'umunyururu w'iminsi 8 kugeza ku mwaka,n'ihazabu ry'amafranga kuva kuli 200 kugeza ku 2000 cyangwa agahabwa kimwe mul'ibyo bihano.

ABASHOBORA KUVA KUMUSORO W'UMUTWE NABA:

1) Nka abatwale b'imisozi cyangwa se abatwale b'Intara baba baratwaye mu gihe cy'amezi atatu y'umwaka akurikiranye.
2) Ababa barigeze mu by'ubusirikari cyangwa se mu bu Police kuli Territoire mu gihe cy'amezi atatu akurikiranye y'umwaka.
3) Abantu b'abacuruzi cyangwa se bategetswe kugira ibindi basorera.
4) Abantu baba baraje gutura mu Ruanda-Urundi ukwezi kwa cumi k'umwaka ajemo kwaratangiye.
5) Abantu baba bararwaye indwara ituma badakora bakayimarana amezi atandatu akurikiranye y'umwaka.
6) Abantu kavukire ko mu Ruanda-Urundi no muli Congo y'Ababirigi barwanye ivita kuva le 4/8/1914 na le 11 novembre 1918 no hagati ya 10 mai 1940 na le 8 mai 1945 bari bari mu murwano w'Ababirigi cyangwa mu bibimbye keretse abo bashyizemo nyuma y'itariki 8/mai 1944.
"Byemera bicyo ariko Bwana Résident ashobora gukuraho birunduye cyangwa se mu gihe gito iryo tegeko ryo kuvana ku musoro abantu bamwe iyo Bwana Administrateur agize icyo abavugaho.
Icyo bakwandika cyose lero bagomba kucyandika mu gitabo kanyirukuvanwa umusoro;muribyo kugirango biveho bababarabimenyeshaje Bwana Gouverneur.
7) Ababa mu mashuri bakuze kandi bakurikira neza ibyobiga kandi bajyaye igihe cyose.
8) Abihaye Mungu cyangwa se abigisha bafite akazi ro mu Ruanda-Urundi kandi badafite ihembo bikurikiriye ibyerekeye Iyobokamana abo ntibategetswe gutanga Umusoro.

N.B.: Ibyerekeye n°7 bivuga umuntu ukurikira ibyigwa,udafite uburyo bwo guhaha amafranga yerekeye ibimutunga,bene aba baba badategetswe gusora.-

Astrida, le 1 janvier 1956.

L'Administrateur de Territoire, W.ANTONISSEN,